<p><u>UMUTWE WA III: INTERA N'ITERAMBERE RY'UMWUGA MU BY'UBUBANYI N'AMAHANGA</u></p>	<p><u>CHAPTER III: GRADES AND DIPLOMATIC CAREER PROGRESSION</u></p>	<p><u>CHAPITRE III: GRADES ET PROGRESSION DE CARRIÈRE DIPLOMATIQUE</u></p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Intera mu by'ububanyi n'amahanga</p>	<p><u>Article 12:</u> Diplomatic grades</p>	<p><u>Article 12:</u> Grades diplomatiques</p>
<p>Intera mu by'ububanyi n'amahanga, kuva ku</p>	<p>Diplomatic grades, in ascending order, are the</p>	<p>Les grades diplomatiques, par ordre</p>

<p>yo hasi kugeza ku yo hejuru, ni izi zikurikira:</p> <p>(a) <i>Diplomatic Attaché</i>;</p> <p>(b) Umunyamabanga wa Gatatu;</p> <p>(c) Umunyamabanga wa Kabiri;</p> <p>(d) Umunyamabanga wa Mbere;</p> <p>(e) Umujyanama wa Kabiri;</p> <p>(f) Umujyanama wa Mbere;</p> <p>(g) Minisitiri Mujyanama;</p> <p>(h) Ambasaderi.</p>	<p>following:</p> <p>(a) Diplomatic Attaché;</p> <p>(b) Third Secretary;</p> <p>(c) Second Secretary;</p> <p>(d) First Secretary;</p> <p>(e) Second Counsellor;</p> <p>(f) First Counsellor;</p> <p>(g) Minister Counsellor;</p> <p>(h) Ambassador.</p>	<p>croissant, sont les suivants:</p> <p>(a) Attaché Diplomatique;</p> <p>(b) Troisième Secrétaire;</p> <p>(c) Deuxième Secrétaire;</p> <p>(d) Premier Secrétaire;</p> <p>(e) Deuxième Conseiller;</p> <p>(f) Premier Conseiller;</p> <p>(g) Ministre Conseiller;</p> <p>(h) Ambassadeur.</p>
<p><u>Ingingo ya 13: Iterambere ry’umwuga mu by’ububanyi n’amahanga</u></p> <p>(1) Iterambere ry’umwuga mu by’ububanyi n’amahanga rikorwa binyuze mu kuzamurwa mu ntera k’umukozi mu by’ububanyi n’amahanga.</p> <p>(2) Umukozi mu by’ububanyi n’amahanga azamurwa mu ntera y’ingazi</p>	<p><u>Article 13: Diplomatic career progression</u></p> <p>(1) The diplomatic career progression is done through promotion in grades of a diplomatic officer.</p> <p>(2) A diplomatic officer is vertically promoted following a successful</p>	<p><u>Article 13: Progression de carrière diplomatique</u></p> <p>(1) La progression de carrière diplomatique se fait à travers la promotion en grades d’un agent diplomatique.</p> <p>(2) Un agent diplomatique est verticalement promu après une</p>

<p>mpagarike nyuma yo gutsinda isuzumabushobozi rishingiye ku mihigo, buri myaka ine y'ingengo y'imari.</p> <p>(3) Amanota ashingirwaho kugira ngo umukozi mu by'ububanyi n'amahanga azamurwe mu ntera y'ingazi mpagarike ni amwe n'ashingirwaho mu kuzamurwa mu ntera y'ingazi ntambike ateganywa n'amategeko abigenga.</p> <p>(4) Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga ugeze ku ntera ya Ambasaderi azamurwa mu ntera y'ingazi ntambike hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Isimburana</u></p> <p>(1) Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga agira igihe akorera ku cyicaro n'igihe akorera mu biro by'ububanyi n'amahanga.</p> <p>(2) Isimburana rikorwa nyuma y'imyaka ine y'ingengo y'imari. Igihe cy'isimburana gishobora kugabanywa cyangwa kongerwa mu nyungu z'akazi.</p>	<p>performance evaluation, every four financial years.</p> <p>(3) The vertical promotion score of a diplomatic officer is the same as for the horizontal promotion score provided for by relevant laws.</p> <p>(4) The diplomatic officer who has reached the grade of Ambassador is horizontally promoted in accordance with relevant laws.</p> <p><u>Article 14: Rotation</u></p> <p>(1) A diplomatic officer takes turns in serving at the headquarters and in a diplomatic mission.</p> <p>(2) The rotation takes place after four financial years. The rotation period may be reduced or extended in the interest of service.</p>	<p>évaluation de performance réussie, chaque quatre exercices financiers.</p> <p>(3) La note de performance pour la promotion verticale d'un agent diplomatique est la même que pour la promotion horizontale prévue par la législation en la matière.</p> <p>(4) Un agent diplomatique qui a atteint le grade d'Ambassadeur est horizontalement promu conformément à la législation en la matière.</p> <p><u>Article 14: Rotation</u></p> <p>(1) Un agent diplomatique travaille alternativement au siège et dans une mission diplomatique.</p> <p>(2) La rotation se fait après quatre exercices financiers. La période de rotation peut être réduite ou prolongée dans l'intérêt du service.</p>
--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>(3) icyakora, umukozi mu by'ububanyi n'amahanga ntashobora kurenza imyaka umunani y'ingengo y'imari yikurikiranya akorera ku cyicaro cyangwa mu biro by'ububanyi n'amahanga.</p>	<p>(3) However, a diplomatic officer cannot exceed eight consecutive financial years serving at the headquarters or in a diplomatic mission.</p>	<p>(3) Toutefois, un agent diplomatique ne peut pas dépasser huit exercices financiers consécutifs de service au siège ou dans une mission diplomatique.</p>
<p><u>Ingingo ya 15: Guhamagaza umukozi mu by'ububanyi n'amahanga</u></p>	<p><u>Article 15: Recalling a diplomatic officer</u></p>	<p><u>Article 15: Rappeler un agent diplomatique</u></p>
<p>(1) Umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora guhamagaza umukozi mu by'ububanyi n'amahanga igihe icyo ari cyo cyose, ku mpamvu z'akazi cyangwa akekwa gukora ikosa ryo mu rwego rw'akazi.</p>	<p>(1) The competent authority may recall a diplomatic officer, at any time, for service purposes or in case he or she is suspected to have committed a disciplinary fault.</p>	<p>(1) L'autorité compétente peut rappeler un agent diplomatique à tout moment, à des fins de service ou lorsqu'il est soupçonné d'avoir commis une faute disciplinaire.</p>
<p>(2) Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga wahamagajwe ku mpamvu z'akazi ariko ntahite ashirwa mu mwanya w'umurimo akomeza kugengwa na Minisiteri no guhabwa, mu gihe kitarenze amezi atandatu, umushahara n'ibindi agenerwa bingana n'ibihabwa umukozi mu by'ububanyi bahuje intera ukorera ku cyicaro. icyakora, kwishyura umushahara n'ibindi agenerwa bihagarara iyo umukozi mu by'ububanyi n'amahanga wahamagajwe ku mpamvu z'akazi ashizwe mu mwanya cyangwa abonye undi murimo.</p>	<p>(2) A recalled diplomatic officer for service purposes but who is not immediately appointed remains at the disposal of the Ministry and he or she receives, within six months, salary and fringe benefits equivalent to those allocated to a diplomatic officer of the same grade who works at the headquarters. However, the payment of salary and fringe benefits stops when a recalled diplomatic officer is appointed or finds another job.</p>	<p>(2) Un agent diplomatique rappelé à des fins de service mais qui n'est pas immédiatement affecté reste à la disposition du Ministère et reçoit, endéans six mois, un salaire et des avantages équivalents à ceux alloués à un agent diplomatique de même grade qui travaille au siège. Toutefois, le paiement du salaire et des avantages cesse lorsqu'un agent diplomatique rappelé est affecté ou trouve un autre emploi.</p>

<p>(3) Iyo amezi atandatu arangiye, umukozi mu by'ububanyi n'amahanga wahamagajwe ku mpamvu z'akazi adashyizwe mu mwanya w'umurimo, asezererwa mu kazi n'umuyobozi wamushyize mu mwanya.</p> <p>UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA BW'UMUKOZI MU BY'UBUBANYI N'AMAHANGA</p> <p><u>Ingingo ya 16: Umushahara</u></p> <p>(1) Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga agenerwa umushahara hakurikijwe intera ariho, hatitawe ku mwanya w'umurimo arimo haba ku cyicaro cyangwa mu biro by'ububanyi n'amahanga.</p> <p>(2) icyakora, umukozi mu by'ububanyi n'amahanga uri mu mwanya w'umurimo uri hejuru y'intera ariho, agenerwa umushahara hashingiwe ku mwanya w'umurimo ariho, haba ku cyicaro cyangwa mu biro by'ububanyi n'amahanga.</p> <p><u>Ingingo ya 17: Amasaha y'akazi</u></p> <p>Abakozi mu by'ububanyi n'amahanga bashyizwe mu biro by'ububanyi n'amahanga</p>	<p>(3) If, at the expiry of six months, a recalled diplomatic officer is not appointed, he or she is removed from office by the appointing authority.</p> <p>CHAPTER IV: RIGHTS OF A DIPLOMATIC OFFICER</p> <p><u>Article 16: Salary</u></p> <p>(1) A diplomatic officer is entitled to a salary based on his or her grade, regardless of the job position he or she occupies at the headquarters or in a diplomatic mission.</p> <p>(2) However, a diplomatic officer who occupies a higher job position than his or her grade, is entitled to a salary based on the job position he or she occupies at the headquarters or in a diplomatic mission.</p> <p><u>Article 17: Working hours</u></p> <p>Diplomatic officers appointed in diplomatic missions conform to working hours of the host</p>	<p>(3) Lorsque, à l'expiration de la période de six mois, un agent diplomatique rappelé n'est pas affecté, il est démis de ses fonctions par l'autorité d'affectation.</p> <p>CHAPITRE IV : DROITS D'UN AGENT DIPLOMATIQUE</p> <p><u>Article 16: Salaire</u></p> <p>(1) Un agent diplomatique a droit au salaire sur base de son grade, quel que soit le poste d'emploi qu'il occupe au siège ou dans une mission diplomatique.</p> <p>(2) Toutefois, un agent diplomatique qui occupe un poste d'emploi supérieur à son grade, a droit au salaire sur base du poste d'emploi qu'il occupe au siège ou dans une mission diplomatique.</p> <p><u>Article 17: Heures de travail</u></p> <p>Les agents diplomatiques affectés aux missions diplomatiques se conforment aux</p>
------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>bakurikiza amasaha y'akazi y'igihugu bakoreramo.</p> <p><u>Ingingo ya 18: Iminsi y'ikiruhuko rusange</u></p> <p>(1) Iminsi y'ikiruhuko rusange ku bakozi mu by'ububanyi n'amahanga bakorera mu biro by'ububanyi n'amahanga ni iyashyizweho mu Rwanda n'iyashyizweho mu gihugu bakoreramo.</p> <p>(2) icyakora, iyo umunsi umwe w'ikiruhuko rusange uteganyijwe ku minsi itandukanye mu Rwanda no mu gihugu abakozi mu by'ububanyi n'amahanga bakoreramo, abo bakozi bafata icyo kiruhuko ku munsi uteganyijwe mu gihugu bakoreramo.</p> <p><u>Ingingo ya 19: Ikiruhuko cy'umwaka</u></p> <p>(1) Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga washyizwe mu biro by'ububanyi n'amahanga afite uburenganzira ku kiruhuko cy'umwaka gihwanye n'iminsi 30, afatira mu ifasi akoreramo, keretse ahawe uruhushya rwihariye. Ikiruhuko cy'umwaka gishobora kugabanywamo ibyiciro bitarenze bibiri.</p>	<p>country.</p> <p><u>Article 18: Official public holidays</u></p> <p>(1) Official public holidays for diplomatic officers appointed in diplomatic missions are those established in Rwanda and in the host country.</p> <p>(2) However, when a same official public holiday is taken on different days in Rwanda and in the host country, diplomatic officers take the holiday on the day scheduled in the host country.</p> <p><u>Article 19: Annual leave</u></p> <p>(1) A diplomatic officer appointed in a diplomatic mission is entitled to an annual leave of 30 days, which are taken within his or her area of jurisdiction, unless he or she is given a special authorisation. The annual leave may be divided into two instalments at most.</p>	<p>heures de travail du pays hôte.</p> <p><u>Article 18: Jours fériés officiels</u></p> <p>(1) Les jours fériés officiels des agents diplomatiques affectés dans les missions diplomatiques sont ceux établis au Rwanda et dans le pays hôte.</p> <p>(2) Toutefois, lorsque le même jour férié officiel tombe sur les jours différents au Rwanda et dans le pays hôte, les agents diplomatiques prennent congé le jour prévu dans le pays hôte.</p> <p><u>Article 19: Congé annuel</u></p> <p>(1) Un agent diplomatique affecté dans une mission diplomatique a droit à un congé annuel de 30 jours qui doit être pris dans sa juridiction, à moins qu'il ne reçoive une autorisation spéciale. Le congé peut être fractionné en deux tranches au maximum.</p>
------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>(2) Ikiyuhuko cy'umwaka cy'umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga gifatiwe mu ifasi ashinzwe gitangirwa uruhushya na Minisitiri mu gihe igifatiwe hanze y'ifasi gitangirwa uruhushya na Perezida wa Repubulika, abisabwe na Minisitiri.</p> <p>(3) Ikiyuhuko cy'umwaka cy'abandi bakozi mu by'ububanyi n'amahanga gifatiwe mu ifasi bakoreramo gitangirwa uruhushya n'umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga. Mu gihe igifatiwe hanze y'ifasi gitangirwa uruhushya na Minisitiri, abisabwe n'umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga.</p>	<p>(2) The annual leave of the head of diplomatic mission taken within his or her area of jurisdiction is authorised by the Minister, while that taken outside the area of jurisdiction is authorised by the President of the Republic, upon request by the Minister.</p> <p>(3) The annual leave of other diplomatic officers taken within their area of jurisdiction is authorised by the head of diplomatic mission, while that taken outside the area of jurisdiction is authorised by the Minister, upon request by the head of diplomatic mission.</p>	<p>(2) Le congé annuel du chef de mission diplomatique pris dans sa juridiction est autorisé par le Ministre, tandis que celui pris en dehors de la juridiction est autorisé par le Président de la République, à la demande du Ministre.</p> <p>(3) Le congé annuel des autres agents diplomatiques pris dans leur juridiction est autorisé par le chef de mission diplomatique, tandis que celui pris en dehors de la juridiction est autorisé par le Ministre, à la demande du chef de mission diplomatique.</p>
<p><u>Ingingo ya 20: Ikiyuhuko ngarurambaraga</u></p> <p>(1) Mu gihe cy'isimburana cyangwa nyuma y'imyaka ine, umukozi mu by'ububanyi n'amahanga washyizwe mu biro by'ububanyi n'amahanga ahabwa ikiyuhuko ngarurambaraga gihemberwa cy'iminsi 30, afatira mu Rwanda. Ikiyuhuko ngarurambaraga gisimbura ikiyuhuko cy'umwaka wa kane.</p> <p>(2) Itike yo kugenda no kugaruka y'uwo mukozi n'iy'umuntu ashinzwe yishyurwa na Minisitiri.</p>	<p><u>Article 20: Reconstitution leave</u></p> <p>(1) At the time of rotation or after four years, a diplomatic officer appointed in a diplomatic mission is entitled to a paid reconstitution leave of 30 days, taken in Rwanda. The reconstitution leave replaces the annual leave of the fourth year.</p> <p>(2) The return ticket of the diplomatic officer and his or her dependent is covered by the Ministry.</p>	<p><u>Article 20 : Congé de reconstitution</u></p> <p>(1) À chaque rotation ou après quatre ans, un agent diplomatique affecté dans une mission diplomatique a droit à un congé de reconstitution payé de 30 jours, pris au Rwanda. Le congé de reconstitution remplace le congé annuel de la quatrième année.</p> <p>(2) Le billet aller-retour de l'agent diplomatique et de son dépendant est pris en charge par le Ministère.</p>

<p><u>Ingingo ya 21: Ikiruhuko cy'ingoboka n'ikiruhuko cyo kubyara ku mugabo</u></p>	<p><u>Article 21: Incidental and paternity leave</u></p>	<p><u>Article 21 : Congé de circonstance et de paternité</u></p>
<p>Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga ahabwa ikiruhuko cy'ingoboka n'ikiruhuko cyo kubyara ku mugabo ku buryo bukurikira:</p>	<p>A diplomatic officer is granted an incidental and paternity leave as follows:</p>	<p>Un agent diplomatique bénéficie d'un congé de circonstance et de paternité comme suit:</p>
<p>(a) iminsi ibiri y'akazi iyo yashyingiwe imbere y'ubutegetsi, iyo ishyingirwa ribereye mu gihugu akoreramo;</p>	<p>(a) two working days in case of his or her civil marriage if the marriage takes place in the host country;</p>	<p>(a) deux jours ouvrables en cas de son mariage civil lorsque le mariage a lieu dans le pays hôte;</p>
<p>(b) iminsi icumi y'akazi iyo yashyingiwe imbere y'ubutegetsi, iyo ishyingirwa ribereye mu Rwanda cyangwa mu kindi gihugu;</p>	<p>(b) ten working days in case of his or her civil marriage if the marriage takes place in Rwanda or in another country;</p>	<p>(b) dix jours ouvrables en cas de son mariage civil lorsque le mariage a lieu au Rwanda ou dans un autre pays;</p>
<p>(c) iminsi irindwi ikurikirana iyo umugore we yabyariye mu gihugu akoreramo;</p>	<p>(c) seven consecutive days in case his wife gives birth in the host country;</p>	<p>(c) sept jours consécutifs en cas d'accouchement de son épouse dans le pays hôte;</p>
<p>(d) iminsi icumi y'akazi iyo umugore we yabyariye mu Rwanda cyangwa mu kindi gihugu;</p>	<p>(d) ten working days in case his wife gives birth in Rwanda or in another country;</p>	<p>(d) dix jours ouvrables en cas d'accouchement de son épouse au Rwanda ou dans un autre pays;</p>
<p>(e) ukwezi kumwe kwiyongera ku minsi iteganyijwe mu gaka ka (c) na (d) tw'iyi ngingo iyo umugore we apfuye agasiga umwana utarageza ku mezi atatu;</p>	<p>(e) one month in addition to days provided for in Subparagraphs (c) and (d) of this Article in case his wife dies while leaving a baby of less than three months;</p>	<p>(e) un mois en plus des jours prévus aux alinéas (c) et (d) du présent article au cas où sa femme meurt en laissant un enfant de moins de trois mois;</p>
<p>(f) iminsi icumi y'akazi iyo uwo bashakanye yafuye;</p>	<p>(f) ten working days in case of death of his or her spouse;</p>	<p>(f) dix jours ouvrables en cas de décès de son conjoint;</p>

<p>(g) iminsi icumi y’akazi iyo se cyangwa nyina yapfuye;</p> <p>(h) iminsi icumi y’akazi iyo umwana we, uwo yemeye cyangwa uwo abereye umubyeyi ataramubyaye yapfuye;</p> <p>(i) iminsi icumi y’akazi iyo umuvandimwe we bavukana yapfuye;</p> <p>(j) iminsi icumi y’akazi iyo sebukwe cyangwa nyirabukwe yapfuye;</p> <p>(k) iminsi icumi y’akazi iyo sekuru cyangwa nyirakuru yapfuye.</p>	<p>(g) ten working days in case of death of his or her father or mother;</p> <p>(h) ten working days in case of death of his or her legitimate, legally recognised or adoptive child;</p> <p>(i) ten working days in case of death of his or her brother or sister;</p> <p>(j) ten working days in case of death of his or her father-in-law or mother-in-law;</p> <p>(k) ten working days in case of death of grandfather or grandmother.</p>	<p>(g) dix jours ouvrables en cas de décès de son père ou de sa mère;</p> <p>(h) dix jours ouvrables en cas de décès de son enfant légitime, reconnu ou adoptif;</p> <p>(i) dix jours ouvrables en cas de décès de son frère ou de sa sœur;</p> <p>(j) dix jours ouvrables en cas de décès de son beau-père ou sa belle-mère;</p> <p>(k) dix jours ouvrables en cas de décès de son grand-père ou sa grand-mère.</p>
<p>UMUTWE WA V: UBUTUMWA BW’AKAZI BW’ABAKOZI MU BY’UBUBANYI N’AMAHANGA BASHYIZWE MU BIRO BY’UBUBANYI N’AMAHANGA</p>	<p>CHAPTER V: OFFICIAL MISSIONS FOR DIPLOMATIC OFFICERS APPOINTED IN A DIPLOMATIC MISSION</p>	<p>CHAPITRE V : MISSIONS OFFICIELLES DES AGENTS DIPLOMATIQUES AFFECTÉS DANS UNE MISSION DIPLOMATIQUE</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Gusaba uruhushya rw’ubutumwa bw’akazi</p> <p>(1) Umukozi mu by’ububanyi n’amahanga washyizwe mu biro by’ububanyi n’amahanga ugiye mu butumwa bw’akazi hanze y’ifasi akoreramo abisabira uruhushya hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p><u>Article 22:</u> Application for official mission authorisation</p> <p>(1) A diplomatic officer, assigned to a diplomatic mission, who travels for official mission outside his or her area of jurisdiction, applies for an authorisation in accordance with relevant laws.</p>	<p><u>Article 22 :</u> Demande d’autorisation de la mission officielle</p> <p>(1) Un agent diplomatique affecté dans une mission diplomatique qui se rend en mission officielle en dehors de sa juridiction, en demande l’autorisation conformément à la législation en la matière.</p>

<p>(2) Umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga ugiye mu butumwa bw'akazi mu kindi gihugu kiri mu ifasi ashinzwe, abisabira uruhushya kuri Minisitiri. Iyo agiye mu butumwa bw'akazi mu gihugu akoreramo agakenere kurara hanze y'aho atuye, abanza kubimenyesha Minisitiri.</p> <p>(3) Abandi bakozi mu by'ububanyi n'amahanga bagiye mu butumwa bw'akazi mu ifasi bakoreramo babanza kubisabira uruhushya ku muyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga.</p>	<p>(2) A head of diplomatic mission who travels in another country of his or her area of jurisdiction for official mission, applies for the authorisation from the Minister. In case of travel for official mission within the host country that requires spending the night outside his or her residence, the head of diplomatic mission prior informs the Minister.</p> <p>(3) Other diplomatic officers who travel within their area of jurisdiction for official mission applies for prior authorisation from the head of diplomatic mission.</p>	<p>(2) Le chef de mission diplomatique qui se rend en mission officielle dans un autre pays de sa juridiction, en demande l'autorisation au Ministre. En cas de mission officielle à l'intérieur du pays hôte qui nécessite de passer la nuit en dehors de sa résidence, le chef de mission diplomatique en informe au préalable le Ministre.</p> <p>(3) Les autres agents diplomatiques qui se rendent en mission officielle dans leur juridiction en demandent l'autorisation préalable au chef de mission diplomatique.</p>
<p><u>Ingingo ya 23: Ibyicaro mu ndege</u></p> <p>(1) Ibyicaro mu ndege by'abakozi mu by'ububanyi n'amahanga bashyizwe mu biro by'ububanyi n'amahanga bagiye mu butumwa bw'akazi bigenwa n'amategeko abigenga.</p> <p>(2) icyakora, Ambasaderi, Komiseri Mukuru cyangwa Intumwa Ihoraho agendera buri gihe mu cyicaro cyo mu rwego rwa kabiri iyo –</p> <p>(a) agiye gutangira akazi cyangwa</p>	<p><u>Article 23: Flight classes</u></p> <p>(1) Flight classes of diplomatic officers appointed in diplomatic missions who travel for official mission are determined by relevant laws.</p> <p>(2) However, an Ambassador, High Commissioner or Permanent Representative travels in business class when he or she –</p> <p>(a) commences or ends his or her tour</p>	<p><u>Article 23 : Classes de vol</u></p> <p>(1) Les classes de voyage en avion des agents diplomatiques affectés dans des missions diplomatiques qui se rendent en mission officielle sont déterminées par la législation en la matière.</p> <p>(2) Toutefois, l'Ambassadeur, le Haut-Commissaire ou le Représentant Permanent voyage toujours en classe affaires lorsqu'il –</p> <p>(a) rejoint son poste pour la première</p>

<p>arangije inshingano ze;</p> <p>(b) agiye mu kindi gihugu kiri mu ifasi ashinzwe gutanga impapuro zimuhesha uburenganzira bwo gutangira akazi kandi iyo igihugu azakoreramo cyemera ko uwo bashakanye aba ahari, na we agendera mu cyicaro cyo mu rwego rwa kabiri;</p> <p>(c) cyangwa yoherejwe mu kindi gihugu gutanga ubutumwa bwihariye bwa Perezida wa Repubulika kuri mugenzi we.</p> <p>(3) Uwashakanye na Ambasaderi, na Komiseri Mukuru cyangwa n'Intumwa Ihoraho, abana be, abo yemeye cyangwa abo abereye umubyeyi atarababyaye bari muni y'imyaka 12 y'amavuko n'abana be bafite ubumuga kandi bakeneye kwitabwaho by'umwihariko bagendera mu cyicaro cyo mu rwego rwa kabiri iyo bari kumwe na Ambasaderi, na Komiseri Mukuru cyangwa n'Intumwa Ihoraho, agiye gutangira akazi cyangwa arangije inshingano ze. Abandi ashinzwe bagendera mu cyicaro cyo ku rwego rwa gatatu.</p>	<p>of duty;</p> <p>(b) travels to another country of his or her area jurisdiction to present his or her letters of credence and if the host country allows the presence of the spouse, he or she also travels in business class; or</p> <p>(c) is sent to another country to present a special message of the President of the Republic to his or her counterpart.</p> <p>(3) A spouse of an Ambassador, of a High Commissioner or of a Permanent Representative, his or her legitimate, legally recognised or adoptive children under 12 years old and his or her disabled children who need special attention also travel in business class when they are travelling with Ambassador, High Commissioner or Permanent Representative who commences or ends his or her tour of duty. Other dependents travel in economy class.</p>	<p>fois ou termine sa période de service;</p> <p>(b) se rend dans un autre pays de sa juridiction pour présenter ses lettres de créances et lorsque le pays hôte permet la présence du conjoint, il voyage également en classe affaires; ou</p> <p>(c) est envoyé dans un autre pays pour présenter un message spécial du Président de la République à son homologue.</p> <p>(3) Le conjoint d'un Ambassadeur, d'un Haut-Commissaire ou d'un Représentant Permanent, ses enfants légitimes, reconnus ou adoptifs de moins de 12 ans et ses enfants handicapés qui ont besoin d'une attention particulière voyagent également en classe affaires lorsqu'ils sont avec l'Ambassadeur, avec le Haut-Commissaire ou avec le Représentant Permanent qui rejoint son poste pour la première fois ou termine son service. Les autres personnes à sa charge voyagent en classe économique.</p>
-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZINYURANYE</p>	<p>CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND MISCELLANEOUS PROVISIONS</p>	<p>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET DIVERSES</p>
<p><u>Ingingo ya 24:</u> Isuzumabushobozi mu bya dipolomasi ku bakozi bo mu by'ububanyi n'amahanga basanzwe bari mu mirimo</p>	<p><u>Article 24:</u> Diplomatic competency assessment for incumbent diplomatic officers</p>	<p><u>Article 24 :</u> Évaluation des compétences diplomatiques des agents diplomatiques en fonction</p>
<p>(1) Uretse umukozi mu by'ububanyi n'amahanga uri ku rwego rw'ubuyobozi ushyirwaho n'Inama y'Abaminisitiri, abandi bakozi mu by'ububanyi n'amahanga basanzwe bari mu mirimo ku cyicaro, bakorerwa isuzumabushobozi mu bya dipolomasi iri teka rimaze gutangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>(1) Except for a diplomatic officer at managerial level appointed by the Cabinet, other incumbent diplomatic officers at headquarters undergo a diplomatic competency assessment, upon the publication of this Order in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>(1) À l'exception d'un agent diplomatique au niveau de direction affecté par le Conseil des Ministres, autres agents diplomatiques en fonction au siège sont soumis à une évaluation des compétences diplomatiques, dès la publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
<p>(2) Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga utsinze isuzuma ni we ushyirwa mu mwanya kandi agahabwa intera mu bya dipolomasi hashingiwe ku mwanya w'umurimo arimo n'uburambe afite.</p>	<p>(2) A diplomatic officer who passes the assessment is appointed and given a diplomatic grade based on the job position he or she occupies and his or her experience.</p>	<p>(2) Un officier diplomatique qui réussit l'évaluation est affecté et reçoit un grade diplomatique sur base du poste d'emploi qu'il occupe et de son expérience.</p>
<p><u>Ingingo ya 25:</u> Ibidateganyijwe muri iri teka</p>	<p><u>Article 25:</u> Matters not provided for under this Order</p>	<p><u>Article 25 :</u> Matières non prévues par le présent arrêté</p>
<p>Ibidateganyijwe muri iri teka bigengwa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.</p>	<p>Matters not provided for under this Order are governed by the law establishing the general statute governing public servants.</p>	<p>Les matières non prévues par le présent arrêté sont régies par la loi portant statut général régissant les agents de l'État.</p>

<u>UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VII : DISPOSITIONS FINALES</u>
<p><u>Ingingo ya 26:</u> Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p>	<p><u>Article 26:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p>	<p><u>Article 26 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p>
<p>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p>	<p>The Minister of Public Service and Labour, the Minister of Foreign Affairs and International Cooperation and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p>	<p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre des Affaires Étrangères et de la Coopération Internationale et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p>
<p><u>Ingingo ya 27:</u> Ingingo y'ururimi</p>	<p><u>Article 27:</u> Language provision</p>	<p><u>Article 27 :</u> Disposition linguistique</p>
<p>Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p>This Order was drafted in Ikinyarwanda.</p>	<p>Le présent arrêté a été initié en Ikinyarwanda.</p>
<p><u>Ingingo ya 28:</u> Gutangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 28:</u> Entry into force</p>	<p><u>Article 28 :</u> Entrée en vigueur</p>
<p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>

Kigali, 04/10/2023

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe

Prime Minister

Premier Ministre

(sé)

Prof. BAYISENGE Jeannette

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Minister of Public Service and Labour

Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux